**FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS**
**INKOTANYI**

**RWANDESE PATRIOTIC FRONT**
**INKOTANYI**

# IMIGAMBI

## Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI

# 2017-2024

# TWUBAKE U RWANDA TWIFUZA

## IJAMBO RY'IBANZE

Banyarwanda, Banyamuryango ba FPR-INKOTANYI by'umwihariko, namwe Nshuti z'u Rwanda n'iz'Umuryango FPR-INKOTANYI;

Kuva Umuryango FPR-INKOTANYI wabaho, waharaniye kubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda, kwimakaza Demokarasi mu Rwanda no guharanira Amajyambere y'Abanyarwanda bose. Uru ni urugamba twiyemeje. Intambwe tumaze gutera irashimishije, ariko kandi urugendo ruracyakomeza.

Duharanira **UBUMWE,** kuko tuzi neza uko amacakubiri yaranze u Rwanda kuva ku mwaduko w'abazungu kugeza mu 1994 yasenye u Rwanda. Ariko intambwe imaze guterwa mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda irashimishije, kandi Umuryango FPRINKOTANYI

uzakomeza guharanira kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda no gukumira icyo ari cyo cyose cyabuhungabanya.

Duharanira **DEMOKARASI,** kuko tudashidikanya ko ari yo nzira yonyine y'imiyoborere myiza ituma abaturage



bagira ijambo n'uruhare mu bibakorerwa, harimo kwishyiriraho abayobozi, kugenzura imikorere yabo, no gufata ibyemezo mu micungire y'Igihugu. Intambwe imaze guterwa muri uru rwego ni iyo kwishimira, kandi Umuryango FPR-INKOTANYI uzakomeza gushimangira Demokarasi ibereye Abanyarwanda, hashingiwe ku mateka y'Igihugu cyacu, no guhitamo kw'Abanyarwanda.

Duharanira **AMAJYAMBERE,** kuko twemera ko intego nyamukuru y'ubuyobozi bwiza ari uguhindura imibereho y'abaturage, igahora igana aheza. Intambwe imaze kugerwaho irashimishije kandi Umuryango

FPRINKOTANYI uzakomeza guharanira kurinda ibyagezweho no kwihutisha iterambere ry'Abanyarwanda bose.

Mu mwaka wa 2010, mwongeye gushima ibyo Umuryango FPR-INKOTANYI wagezeho, dufatanyije twese nk'Abanyarwanda, mushyigikira Imigambi yawo, maze muwutora muri benshi. Imiyoborere y'Umuryango FPR-INKOTANYI yaranzwe no gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda, kubumbatira umutekano w'abantu n'ibintu, kubaka ubushobozi bw'inzego z'ubuyobozi, gukomeza guteza imbere imibereho y'Abanyarwanda, kunoza isura y'u Rwanda no gutuma Igihugu cyacu kirushaho kugira ijambo mu ruhando mpuzamahanga.

Turashimira Abanyarwanda bose, Abanyamuryango ba FPR-INKOTANYI, Inshuti z'u Rwanda n'iz'Umuryango FPR-INKOTANYI, uruhare bagize kugira ngo ibi byose bishobore kugerwaho, kandi tubizeza ko ibi byose bizubakirwaho muri gahunda yacu yo gukomeza guteza imbere Abanyarwanda, muri iyi myaka irindwi iri imbere.
Muri iyi myaka irindwi iri imbere, hazibandwa kuri ibi bikurikira:

- Mu rwego rw'**UBUKUNGU**, hazihutishwa iterambere ry'ubukungu bugera kuri bose bushingiye ku ishoramari ry'Abikorera, ubumenyi n'umutungo kamere;

- Mu rwego rw'**IMIBEREHO MYIZA**, hazaharanirwa kugira Umunyarwanda ubayeho neza kandi ushoboye, binyuze mu muryango utekanye, uburezi, n'ubuvuzi bufite ireme;

- Mu rwgeo rw'**IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA**, hazashyirwaho uburyo

bunoze bw'imiyoborere n'ubutabera, bigamije iterambere rirambye ry'Igihugu.

Ni muri urwo rwego, tubasaba gukomeza kudushyigikira no gufatanya na twe muri uru rugendo.

**KAGAME Paul**
**PEREZIDA W'UMURYANGO**
**FPR-INKOTANYI**

**ISHAKIRO**

**IJAMBORY'IBANZE** 3
**ISHAKIRO** **7**

**INTANGIRIRO** **9**

**UMUTWEWAMBERE: UBUKUNGU** **17**

1.0. INTANGIRIRO 17

1.1. IBYAGEZWEHO MU BUKUNGU MU 2010-2017 1

1.2. IBIZAKORWA MU BUKUNGU MU 2017-2024 2

**UMUTWE WA KABIRI: IMIBEREHO MYIZA** **30**

2.0. INTANGIRIRO .30

2.1. IBYAKOZWE MU MIBEREHO MYIZA MU 2010-2017

30
2.2. IBIZAKORWA MU MIBEREHO MYIZA 2017-2024 37

**UMUTWE WA GATATU : IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA 45**

3.0. INTANGIRIRO 45
3.1. IBYAGEZWEHO MU MIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA MU 2010 -2017.... 45
3.2. IBIZAKORWA MU MIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA. 50

**UMWANZURO 61**

# TORA KAGAME PAUL

# TWUBAKE U RWANDA TWIFUZA

**INTANGIRIRO**

Umuryango FPR-INKOTANYI wagaragaje ko ufite ubushake n'ubushobozi byo gukorera Abanyarwanda, ubaganisha ku mibereho myiza n'iterambere rirambye.

Ibi twabigezeho tugendeye ku ntego-remezo icyenda z'Umuryango FPR-INKOTANYI zikurikira:

1. Kugarura Ubumwe bw'Abanyarwanda;

2. Kubumbatira ubusugire bw'Igihugu n'umutekano w'abantu n'ibintu;

3. Kubaka ubuyobozi bushingiye kuri demokarasi;

4. Kubaka ubukungu bushingiye ku mutungo bwite w'Igihugu;

5. Guca umuco wa ruswa, gutonesha, imicungire mibi y'umutungo w'Igihugu n'izindi ngeso zijyanye na byo;

6. Kuzamura imibereho myiza y'Abaturage;

7. Guca burundu impamvu zose zitera ubuhunzi no gucyura impunzi;

196125440. Guharanira umubano hagati y'u Rwanda 9

n'ibindi bihugu ushingiye ku bwubahane, ubufatanye n'ubuhahirane;

9. Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

**Impamvu zo kongera gutora Umuryango FPRINKOTANYI**

Muri iyi myaka irindwi ishize (2010-2017), hari byinshi Umuryango FPR-INKOTANYI wagejeje ku Banyarwanda, mu byiciro binyuranye by'ubuzima bw'Igihugu.

- Mu byerekeye **UBUKUNGU**, Umuryango FPRINKOTANYI wateje imbere ubukungu bushingiye ku miterere no ku mutungo bwite by'Igihugu, cyane cyane ku Banyarwanda ubwabo. Umusaruro mu byiciro bitandukanye by'ubukungu wariyongereye, cyane cyane mu buhinzi n'ubworozi, inganda n'ubukorikori, ishoramari, ubucuruzi, ubukerarugendo, n'izindi serivisi.

Ibikorwa remezo, birimo imihanda, amazi n'amashanyarazi na byo byatejwe imbere; byose bigamije gutsura amajyambere mu Rwanda.



_ Mu rwego rw'**IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE**, Umuryango FPR-INKOTANYI wagejeje ku Banyarwanda byinshi bishimishije, harimo kugabanya ku buryo bugaragara umubare w'abana bapfa bavuka, n'umubare w'ababyeyi bapfa babyara; twagabanyije cyane igipimo cy'ubwandu bwa SIDA, twongera n'umubare w'ababona imiti igabanya ubukana bw'icyo cyorezo. Ikindi kandi, twashoboye guha Abanyarwanda bose amahirwe angana yo kwiga no kwivuza, twita ku batishoboye, tunoza politiki y'ubwiteganyirize, iy'ubutaka, imiturire n'ibidukikije, ndetse n'iy'imikino n'imyidagaduro bizamura imibereho myiza y'abaturage.

_ Mu **MIYOBORERE MYIZA**, Umuryango FPRINKOTANYI wimakaje ubuyobozi buboneye, bushimangira uburenganzira bwa muntu n'ubumwe bw'Abanyarwanda, kandi bwubaka ubwuzuzanye n'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo. Umuryango FPR-INKOTANYI wanakomeje gushimangira amahame ya demokarasi, arimo kwitorera abayobozi, kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage kugira ngo barusheho kugira uruhare mu kugena no kugenzura ibibakorerwa no gukorera mu

mucyo. Umuryango FPR-INKOTANYI wakomeje kandi kubungabunga umutekano n'ubusugire bw'Igihugu no kugira uruhare mu kubungabunga amahoro hirya no hino ku isi. Abanyarwanda bakanguriwe kurinda ibyagezweho, banatozwa umuco wo kwishakamo ibisubizo, bityo bituma Igihugu kigera kuri byinshi, kidahanze amaso amahanga. Umuryango FPR-INKOTANYI wakomeje kandi kubaka ububanyi n'amahanga bushingiye ku bwubahane, ubuhahirane n'ubufatanye, kandi bugamije inyungu z'Abanyarwanda.

_ Mu rwego rw'**UBUTABERA**, hubatswe ubushobozi bw'abacamanza , inzego z'ubutabera ziravugururwa, maze burushaho kurengera buri wese. Umuryango FPR-INKOTANYI washyize imbaraga by'umwihariko mu kurwanya akarengane, ruswa n'izindi ngeso mbi zifitanye isano na yo. Umuryango FPR-INKOTANYI wakomeje kandi kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore n'abana, uhangana n'ikibazo cy'icuruzwa ry'abantu, ibyaha byambukiranya imipaka, ndetse n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge. Umuryango FPR-INKOTANYI

wakomeje kurwanya byimazeyo Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, unakomeza

kurandura umuco wo kudahana, no kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose.

Ibikorwa byose byagezweho kubera uruhare rukomeye rw'Abanyamuryango ba FPR-INKOTANYI by'umwihariko, n'Abanyarwanda bose muri rusange.
Hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe n'inzego z'Umuryango kuva ku mudugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu, ndetse n'Abanyamuryango baba mu mahanga, muri iyi myaka irindwi iri imbere, Umuryango FPR-INKOTANYI uzarushaho kwihutisha iterambere ry'ubukungu, rigera ku Banyarwanda bose, hibandwa kuri izi gahunda zikurikira:

- Guhanga imirimo ibyara inyungu, hagamijwe kuzamura ubukungu no kurandura ubukene;
- Guteza imbere imigi, icyaro n'imyubakire, hagamijwe imibereho myiza ya bose;
- Guteza imbere inganda, ibyoherezwa mu

mahanga, no kongera ibikorwa remezo bizamura ubuhahirane;

- Guteza imbere ubukungu bushingiye kuri serivisi n'ubumenyi;

- Kuzamura umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi mu bwinshi no mu bwiza; kubyaza umusaruro umutungo kamere no kubungabunga ibidukikije.

Umuryango FPR-INKOTANYI uzashyira kandi imbaraga mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage, binyuze muri gahunda z'ingenzi zikurikira:

- Kubaka uburezi bufite ireme, bugera kuri bose, kandi buteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi;

- Gutanga serivisi z'ubuzima zifite ireme kuri bose, kandi zishyira imbere inyungu z'umuturage;

- Gushyiraho uburyo bunoze bwo guteza imbere ubuzima buzira umuze, hirindwa indwara, habonezwa urubyaro, hanigishwa ubuzima bw'imyororokere kuri bose, no mu rubyiruko by'umwihariko;

- Gushyiraho uburyo buhamye bwo kurengera abatishoboye no guteza imbere imibereho y'abaturage,

hagamijwe kurandura ubukene bukabije no kubaka

umuco wo kwigira;

- Kugira umuryango nyarwanda wishoboye, uha agaciro umugore n'umwana, kandi ukaba ipfundo ry'umuco n'iterambere by'Igihugu.

Umuryango FPR-INKOTANYI uzakomeza kandi gushimangira imiyoborere myiza, kunoza serivisi zihabwa abaturage, kubumbatira umutekano n'ubusugire bw'Igihugu no kubaka ubutabera burengera buri wese, hibandwa cyane cyane kuri gahunda zikurikira:

- Kugira indangagaciro n'ubumwe bw'Abanyarwanda, baharanira Igihugu igkomeye kandi gitekanye;

- Kugira inzego z'umutekano zifite ubushobozi bwo gukomeza guha Abanyarwanda umutekano usesuye, kurinda Igihugu no kugira uruhare mu iterambere ryacyo;

- Kongera imbaraga muri dipolomasi itsura iterambere ry'u Rwanda n'irya Afurika;

- Kugira amategeko afasha kwihutisha iterambere kandi yubahirizwa, bityo hakaba inzego zikora neza, mu mucyo, zikanagirirwa icyizere kurushaho;

- Kong̣era imbaraga mu kubaka inzego zikorana neza, kandi zishishikajwe no kwihutisha iterambere ry'umuturage;

- Kwimakaza umuco w'ubufatanye mu Banyarwanda, hashyirwa imbere imikoranire myiza n'ibyiciro byihariye, kugira ngo habeho iterambere ry'Igihugu no kwigira k'umuturage.

**Mwahisemo neza mutora Umuryango FPRINKOTANYI na wo ntiwabatenguha; nimuwongere icyizere, na wo ukomeze ubageze ku bindi byiza byinshi.**

## UMUTWE WA MBERE: UBUKUNGU

### 1.0. INTANGIRIRO

Umuryango FPR-INKOTANYI wemera ko ubukung u bw'u Rwanda bushingiye ku mbaraga n'ubumenyi by'Abanyarwanda, umutungo kamere, ubuhahirane n'ubufatanye n'ibindi bihugu, abafatanyabikorwa, n'inshuti z'u Rwanda. Mu myaka irindwi ishize (2010- 2017), ubukungu bw' u Rwanda bwateye imbere ku gipimo gishimishije. Mu myaka irindwi iri imbere (2017-2024), Umuryango FPR-INKOTANYI uzarushaho kwihutisha iterambere ry'ubukungu bugera kuri bose no gukomeza gukangurira Abanyarwanda umuco wo kwigira.

### 1.1. IBYAGEZWEHO MU BUKUNGU MU 2010-2017

- Umusaruro rusange w'ubukungu bw' u Rwanda wikubye kabiri, uva ku mafaranga y'u Rwanda miliyari 3,367 mu 2010, ugera kuri miliyari 6,618 mu 2016. Umusaruro mpuzandengo w'Umunyarwanda wariyongereye uva ku madolari y'Amerika

572 mu 2010 ugera kuri 729 mu 2016. Ubukene bwaragabanutse buva kuri 45% by' Abanyarwanda, mu 2010 bugera kuri 39% mu 2014. Ubukene bukabije na bwo bwaragabanutse buva kuri 24% by'Abanyarwanda mu 2010 bugera kuri 16% mu 2014.

- Umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi wikubye kabiri, uva ku mafaranga y'u Rwanda miliyari 949 mu 2010 ugera kuri miliyari 1,954 mu 2016. Ubutaka bwahujwe mu buhinzi n'ubworozi bwikubye hafi gatanu, buva kuri hegitari 170,226 mu 2010 bugera kuri hegitari 829,106 mu 2016. Gukoresha ifumbire mvaruganda byikubye kabiri, biva ku biro 14 kuri hegitari bigera ku biro 32 kuri hegitari mu 2016. Ubuso bw'ubutaka bwuhirwa bwikubye gatatu, buva kuri hegitari 13,000 mu 2010, bugera kuri hegitari 43,553 mu 2016. Ingo z'Abanyarwanda zahawe inka muri gahunda ya Girinka zikubye kabiri, ziva kuri 116,261 mu 2010, zigera kuri 255,128 mu 2017. Hubatswe inganda zitandukanye zitunganya ibikomoka ku

**TORA** **KAGAME Paul,**
**DUKOMEZE INZIRA Y'UBUKIRE**

buhinzi n'ubworozi, ndetse zitangira gukora. Umusaruro ukomoka ku nganda wikubye kabiri, uva ku mafaranga y' u Rwanda miliyari 500 mu 2010, ugera kuri miliyari 1,094 mu 2016. Ubuso bw'Igihugu buteweho amashyamba bugeze kuri 29.8% by'ubutaka buhingwa.

- Umusaruro uturuka kuri serivisi wariyongereye wikuba hafi kabiri, uva ku mafaranga y'u Rwanda miliyari 1,657 mu 2010 ugera kuri miliyari 3,153 mu 2016. Imirimo mishya 434,000 idashingiye ku buhinzi yarahanzwe hagati ya 2011 na 2014. Abanyarwanda cyane cyane urubyiruko n'abagore bakomeje gufashwa kwibumbira mu makoperative no kugana ibigo by'imari.

- Umusaruro w'ubukerarugendo warazamutse uva kuri miliyoni 201.6 z'amadolari
y'Amerika mu 2010 agera kuri miliyoni 404 mu 2016. Harangijwe imishinga minini ishyi$_g$ikira ubukerarugendo nka Ki$_g$ali Convention Center n'andi mahoteli manini yariyon$_g$ereye mu Gihugu hose. RwandAir yongerewe ubushobozi bituma ihuza u

Rwanda n'ibihugu byinshi, ikaba igera mu migi 21 mu mahanga.

- Mu rwego rwo kworohereza ubucuruzi n'ishoramari u Rwanda rwakomeje kuba ku isonga, ubu rukaba ruri ku mwanya wa kabiri muri Afurika, n'uwa 56 ku Isi.

- Abanyarwanda bakoresha serivisi z'imari bavuye kuri 48% mu 2008 bagera kuri 89% mu 2015. Umubare w'Abanyarwanda bakoresha itumanaho rya telefoni zigendanwa wikubye inshuro zirenga ebyiri, uva kuri 33.4% mu 2010 u$_g$era kuri 78.5%, uburyo bwo guhanahana amafaran$_g$a hifashishijwe telefoni zigendanwa bwageze mu Gihugu hose, kandi amafaranga ahanahanwa yageze kuri miliyari 469.24 mu 2016.

- Mu bikorwa remezo, imihanda mishya yarubatswe, isanzwe irasanwa, ndetse indi ikomeza

gufatwa neza, harimo ihuza Uturere n'ihuza imipaka: Imihanda mishya yubatswe ifite km 292.3, iyasanwe igera ku km 240.8. Imihanda yakomeje kwitabwaho no gufatwa neza ingana na km



664.4. Mu bice by'icyaro, hubatswe kandi hatunganywa imihanda mihahirano ifite km 1,507. Ibi byatumye imihanda itunganyije ku rwego rw'Igihugu igera kuri 77.9%.

- Umubare w'Abanyarwanda bafite amashanyarazi wikubye hafi gatatu, uva kuri 10.8% mu 2011 ugera kuri 28% mu 2017, ndetse n'imihanda icaniwe yikubye hafi kane iva ku km 170.4 igera kuri km 634.9 mu 2016. Ibi byagezweho hifashishijwe imishinga minini nka KivuWatt (Gaz methane), Nyabarongo n'iyindi. Umubare w'Abanyarwanda bakoresha amazi meza wavuye kuri 74.8% mu 2011 ugera kuri 84.8% mu 2014. Igipimo cy'isuku n'isukura mu Banyarwanda cyavuye kuri

74.5% mu 2011 kigera kuri 83.4% mu 2014.

- N'ubwo ibyagezweho ari byinshi, urugendo rw'iterambere mu bukungu ruracyari rurerure. Ni yo mpamvu, Umuryango FPRINKOTANYI wiyemeje gukomeza guharanira iterambere ryihuse ry'ubukungu binyuze muri gahunda zikurikira.



## 1.2. IBIZAKORWA MU BUKUNGU MU 2017-202

**Umuryango FPR- INKOTANYI ugamije kwihutisha iterambere ry'ubukungu bugera kuri bose bushingiye ku ishoramari ry'Abikorera, ku bumenyi no ku mutungo kamere.**

By'umwihariko, hazakorwa ibi bikurikira:

**1.2.1. Hazahangwa imirimo ibyara inyungu, hagamijwe kuzamura ubukungu no kurandura ubukene:**

1.2.1.1. Hazongerwa umubarew'abize ubumenyingiro, buhujwe n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo, hanatangwe ibibafasha gutangira umurimo;

1.2.1.2. Hazubakwa ubushobozi bw'Abanyarwanda mu guhanga, gutegura no gushyira mu bikorwa imishinga;

1.2.1.3. Hazashyirwaho uburyo bufasha guteza imbere imishinga y'ikoranabuhanga no guhanga ibishya;

1.2.1.4. Hazashyirwaho gahunda yo guteza imbere guhanga imirimo, hashyirwaho umushinga

w'icyitegererezo ubyara inyungu kuri buri mudugudu;

1.2.1.5. Hazashyirwaho gahunda yo kunoza imicungire n'imiyoborere y'amakoperative, hubakwa ubushobozi bwazo.

**1.2.2. Hazatezwa imbere imigi, icyaro n'imyubakire, hagamijwe imibereho myiza ya bose:**

1.2.2.1. Hazashyirwaho uburyo bworohereza Abanyarwanda gutura heza habugenewe, bijyanye n'igihe n'ubushobozi bwabo harimo n'abatuye mu tujagari;

1.2.2.2. Abanyarwanda batuye mu cyaro bazatuzwa ahabugenewe, mu midugudu itunganyije ijyanye n'iterambere;

1.2.2.3. Abanyarwanda batuye mu manegeka bazatuzwa neza n'aho batuye havugururwe, ku bufatanye n'Abikorera. Hazimurwa nibura imiryango 1,000 buri mwaka;

1.2.2.4. Amazi n'amashanyarazi bizagezwa kuri bose, kandi hakoreshejwe uburyo butangiza ibidukikije;

1.2.2.5. Hazashyirwaho amatara yo ku mihanda iduhuza n'ibindi bihugu ndetse no ku



mihanda minini yo mu migi;

1.2.2.6. Hazanozwa serivisi zo gutwara abantu n'ibintu mu migi no mu cyaro;

1.2.2.7. Hazubakwa amakusanyirizo n'imiyoboro y'imyanda mu migi, n'ibimpoteri mu cyaro, hashyirweho n'uburyo bwo kuyibyaza umusaruro.

### 1.2.3. Hazatezwa imbere inganda, ibyo twohereza mu mahanga, hongerwe n' ibikorwa remezo bizamura ubuhahirane

1.2.3.1. Ku bufatanye n'Abikorera, hazubakwa inganda

nshya hanongererwe ubushobozi inganda zitandukanye zifasha guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda no guhanga imirimo ku Banyarwanda, harimo:

- Uruganda rukora imiti;
- Uruganda rukora inzitiramibu;
- Inganda zikora ibikoresho by'ubwubatsi;
- Uruganda rukora amafumbire;
- Uruganda rukora ibyo gupfunyikamo ibicuruzwa (packaging materials);

- Inganda zikora imyenda;
- Inganda zitunganya impu n'izindi nganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi.

1.2.3.2. Ku bufatanye n'Abikorera, hazashorwa imari mu mishinga minini yongera umusaruro w'ibyoherezwa mu mahanga;

1.2.3.3. Hazashyirwaho gahunda yihariye ituma inzego za Leta zose zorohereza Abikorera kohereza ibicuruzwa mu mahanga;

1.2.3.4. Hazarangizwa imihanda ya kaburimbo ihuza Uturere ireshya na km 800 mu Gihugu cyose harimo: Ngoma-Bugesera - Nyanza; Base-Gicumbi-Rukomo - Nyagatare; Huye - Kibeho - Munini; Kagitumba - Kayonza - Rusumo na Kigali Ring road;

1.2.3.5. Hazubakwa hanasanwe imihanda mihahirano (feeder roads) ireshya na km 3,000 mu rwego rwo kugeza umusaruro ku isoko;

1.2.3.6. Hazubakwa imihanda mishya ya kaburimbo ireshya na km 350 mu Mujyi wa Kigali, imigi iwunganira n'indi migi mito;



**TORA** **KAGAME Paul,**

**DUKOMEZE INZIRA Y'UBUKIRE**

1.2.3.7. Hazakomezwa guhuza u Rwanda n'Ibihugu by'Akarere, hakoreshejwe imihanda, gariyamoshi, ikibuga cy'indege cya Bugesera n'ibyambu mu kiyaga cya Kivu;

1.2.3.8. Hazongerwa amasoko ya kijyambere ahuza imipaka y'u Rwanda n'Ibihugu duhana imbibi;

1.2.3.9. Hazakomezwa guteza imbere ubuhahirane n'ubucuruzi, hagamijwe guteza imbere no kwagura isoko ry'ibyo u Rwanda rwohereza mu Karere no mu mahanga (urugero: COMESA, EAC, SADC, Northern Corridor, ECCAS). Hazubakwa icyambu kidakora ku mazi (dry port), mu rwego rwo korohereza abacuruzi kubika, kwohereza no gutumiza ibicuruzwa mu mahanga, n'ibindi byambu u Rwanda rufite mu mahanga.

### 1.2.4. Hazatezwa imbere ubukungu bushingiye kuri serivisi n'ubumenyi

1.2.4.1. Abanyarwanda bose bazegerezwa serivisi z'imari hakoreshejwe ikoranabuhanga;

1.2.4.2. Hazashyirwaho uburyo bwo gufasha Abanyarwanda bose kwizigamira no guteganyiriza izabukuru ku badafite umushahara;

1.2.4.3. Umusaruro ukomoka ku bukerarugendo bushingiye ku muco no ku bwiza bw'u Rwanda uzikuba kabiri, hashingiwe ku ishoramari mu mishinga minini itandukanye;

1.2.4.4. Hazatezwa imbere ubuhanzi, ubugeni, muzika, filime n'ubumenyi bushingiye ku muco nyarwanda, binabyazwe umusaruro;

1.2.4.5. Ku bufatanye n'Abikorera, hazubakwa ahantu

h'icyitegererezo habereye imyidagaduro, n'ubucuruzi harimo n'aho guhahira nta mahoro;

1.2.4.6. Hazubakwa ahantu hihariye hafasha guhanga ibishya (Innovation City), hanubakwe ubushobozi bw'urubyiruko mu



ikoranabuhanga, by'umwihariko ubumenyi mu mutekano waryo (*cyber security*);

1.2.4.7. Hazongerwa imbaraga mu bushakashatsi bugamije kwihutisha iterambere ry'ubukungu (*Research & Development*).

**1.2.5. Hazazamurwa umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi mu bwinshi no mu bwiza; umutungo kamere ubyazwe umusaruro, hanabungabungwe ibidukikije**

1.2.5.1. Ku bufatanye n'Abikorera, hazongerwa ubuso bw'ubutaka buhujwe n'ubwuhirwa; hatezwe imbere ikoreshwa ry'imashini mu buhinzi. Ubuso bukorwaho amaterasi y'indinganire buzikuba kabiri bunabyazwe umusaruro;

1.2.5.2. Hazongerwa imbaraga mu bukangurambaga bugamije guhindura imyumvire mu bahinzi n'aborozi, by'umwihariko mu bijyanye no kuhira. Buri mwaka, ubutaka bwuhirwa buzongerwaho 12%;

1.2.5.3. Hazashyirwaho gahunda yo kwongera ubwinshi n'ubwiza umusaruro ukomoka mu bworozi bunyuranye. Aborozi bazakangurirwa guhuza imbaraga bagakora



**TORA** _____ **KAGAME**

**Paul, DUKOMEZE INZIRA Y'UBUKIRE**

ubworozi bw'umwuga bujyanye n'isoko;

1.2.5.4. Umubare w'abahinzi bakoresha ifumbire mvaruganda n'imbuto z'indobanure uzikuba kabiri;

1.2.5.5. Hazashyirwa imbaraga mu bushakashatsi bugamije kwongera ubwiza n'ubwinshi bw'umusaruro uturuka mu buhinzi n'ubworozi;

1.2.5.6. Ku bufatanye n'Abikorera, hazubakwa ubuhunikiro bw'imyaka hirya no hino mu Gihugu, hagamijwe ko nta musaruro wangirika mu gihe cy'isarura, ndetse no kongera ubwiza bwawo;

1.2.5.7. Hazihutishwa ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kongera umusaruro uturuka mu bihingwa bifite agaciro kanini, harimo ubuhinzi bw'indabo, imboga, imbuto ziribwa n'ibindi;

1.2.5.8. Hazashyirwaho uburyo bwo korohereza abahinzi n'aborozi kubona no gukoresha serivisi z'imari mu kuzamura umusaruro;

1.2.5.9. Hazubakwa ubushobozi bw'abaturage

bacukura amabuye y’agaciro, hatezwe imbere

ishoramari byongera umusaruro n'imirimo.

Hazakorwa ubushakashatsi bwimbitse mu Gihugu hose, bugamije kumenya umutungo kamere w'Igihugu. Umusaruro ukomoka ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro uzongererwa agaciro binyuze mu nganda;

1.2.5.10. Hazanozwa uburyo bwo gucunga amashyamba, haterwa ibiti bitandukanye, hagamijwe guteza imbere ishoramari mu nganda zitunganya ibikomoka ku biti. Hazashyirwa imbaraga mu gutera ibiti by'imbuto ziribwa bitandukanye, mu rwego rwo kwihaza no kugabanya imirire mibi;

1.2.5.11. Hazagabanywa umubare w'abaturage bakoresha inkwi ku kigero cya 50%, hakoreshejwe uburyo bunyuranye harimo gaz, amashyiga ya rondereza, n'ibindi;

1.2.5.12. Hazakorwa umushinga wo gukemura ikibazo cy'amazi aturuka mu birunga n'indi migezi yangiza ibidukikije n'ibintu, hashakwa uburyo bwo kuyabyaza umusaruro;

1.2.5.13. Tuzaharanira ko ibikorwa byose by'iterambere byubahiriza ibisabwa mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

## UMUTWE WA KABIRI: IMIBEREHO MYIZA

## 2.0. INTANGIRIRO

Nyuma yo gushyira mu bikorwa Manifesto ya 2010- 2017, biragaragara ko Guverinoma y'u Rwanda iyobowe n'Umuryango FPR-INKOTANYI, yashyizeho ibyangombwa by'ibanze kugira ngo Umunyarwanda abeho neza.

Aho u Rwanda rugeze ubu, ni ngombwa ko haterwa indi ntambwe iganisha ku Munyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima bwiza, kandi ubayeho neza, mu muryango utekanye. Iyi akaba ari yo ntego FPRINKOTANYI ifite muri iyi Manifesto ya 2017-2024.

### 2.1. IBYAKOZWE MU MIBEREHO MYIZA MU 2010-2017

**Mu burezi,** hashyizweho gahunda y'uburezi bw'ibanze

kuri bose (12 YBE), hongerewe umubare w'ibyumba by'amashuri, hatangijwe gahunda y'amashuri y'imyu$_g$a (TVETs) ku rwego rw'Igihugu, hanavugururwa imfashanyigisho bigamije guhuza inyigisho n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo. Umubare w'amashuri makuru na Kaminuza wariyongereye.





**Mu buzima,** hashyizweho gahunda zifatika zo guteza imbere ubuzima, harimo gushyira imbaraga mu bwisungane mu kwivuza, aho 84% y'Abanyarwanda bafite ubwisungane mu kwivuza, serivisi z'ubuzima zakomeje kwegerezwa abaturage, ku buryo mu Gihugu cyose, umubare w'ibigo by'ubuvuzi wavuye kuri 579 mu 2010 ugera kuri 905 mu 2015, umubare w'abaforomo wavuye kuri 8,049 mu 2010 ugera kuri 8,898 mu 2015, na ho uw'abaganga wavuye kuri 604 mu 2010 ugera kuri 709 mu 2015. Hanashyizweho kandi abajyanama b'ubuzima mu midugudu yose.

Impfu z'abana zaragabanutse ziva kuri 76/1,000 zigera kuri 50/1,000 n'iz' ababyeyi bapfa babyara, ziva kuri 476/100,000 zigera kuri 210/100,000, kandi ibi bikaba byaragezweho hagati ya 2010-2014. Ikindi kandi, ababana n'ubwandu bwa SIDA bose babona imiti igabanya ubukana.

Abanyarwanda bakomeje kwitabira gahunda yo kuboneza urubyaro, ku buryo umubare w'abana bavuka ku mugore wagabanutse kuva kuri 4.6 kugeza kuri 4.2. Hashyizweho Ikigega cy'ubwishingizi gifasha abagore bakorera umushahara, babyaye kubona umushahara wabo wose mu gihe cy'ikiruhuko cy'ababyeyi cy'amezi



atatu. Hakomeje kandi gushyirwa imbaraga mu gukangurira Abanyarwanda bose kugira isuku.

Mu **gufasha abatishoboye no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage,** hakozwe byinshi. Gahunda ya GIRINKA yakomeje gushyirwa mu bikorwa, ifasha mu kugabanya ikibazo cy'imirire mibi cyane cyane mu bana. Abaturage bari batuye muri Nyakatsi bafashijwe gutura heza, gahunda ya VUP yashyizwe mu bikorwa mu mirenge yose 416, aho mu mwaka wa 2010 yari mu mirenge 60. Ingengo y'imari yo gufasha abatishoboye yikubye inshuro zirenze ebyiri. Na ho umubare w'abatishoboye babona inkunga y'ingoboka wavuye ku ngo 9,692 ugera kuri 85,899.

Inguzanyo zicirirtse ku baturage bo mu cyaro zatanzwe mu rwego rwa VUP zingana na miliyari 25 z'amafranga y'u Rwanda zahawe imishinga mito ingana na 93,962 irimo abaturage 366,558. Ibi byose byagize uruhare mu gukura abaturage mu bukene bukabije, bityo bashobora kuzamura impuzandengo y'imyaka yo kubaho y'Umunyarwanda, aho yavuye ku myaka 62 mu 2010 ikagera ku myaka 67 mu 2016.

N’ubwo twageze kuri byinshi muri gahunda z’imibereho myiza, haracyari intambwe igomba guterwa, kugira ngo Umunyarwanda arusheho kubaho neza. Ni yo mpamvu, Umuryango FPR-INKOTANYI uzibanda kuri izi gahunda zikurikira:

## 2.2. IBIZAKORWA MU MIBEREHO MYIZA 2017-2024



**Umuryango FPR-INKOTANYI ugamije kugira Umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima bwiza, kandi ubayeho neza mu muryango utekanye.**

Ku bw'izo mpamvu, hazakorwa ibikorwa bikurikira :

**2.2.1. Hazashyirwaho uburezi bufite ireme, bugera kuri bose, kandi buteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi.**

2.2.1.1. Hazaharanirwa uburezi bwa bose, by'umwihariko ku rwego rw'amashuri
y'incuke, n'urw'abafite ubumuga;

2.2.1.2. Hazashyirwa ingufu mu guhangana n'ikibazo cy'abana bata ishuri;

2.2.1.3. Hazongerwa ireme ry' uburezi mu bufatanye n' abikorera, hazamurwe ubumenyi n'imibereho myiza by'abarezi, abanyeshuri bagezweho ibikoresho bakeneye;

2.2.1.4. Hazongerwa umubare w'amashuri y'ubumenyi

rusange n'ay'imyuga, yongererwe ubushobozi, hibandwa ku bumenyi n'ubumenyingiro, bijyanye n'isoko ry'umurimo no kwihangira imirimo;



2.2.1.5. Hazubakwa urwego rw'ikoranabuhanga mu burezi mu byiciro by'amashuri byose, hagamijwe kugira uburezi bw'indashyikirwa;

2.2.1.6. Hazongerwa umubare w'amashuri y'icyitegererezo, harimo n'ay'abikorera, bigamije kwigishiriza mu Rwanda abashaka amashuri meza hanze.

**2.2.2. Hazubakwa Serivisi z'ubuzima zifite ireme kuri bose kandi zishyira imbere inyungu z'umuturage**

2.2.2.1. Hazashyirwaho uburyo butuma abaturage bose bashobora kwivuza neza bakabona ubuvuzi bwihariye ,

kandi havugururwe ubwishingizi mu buvuzi;

2.2.2.2. Hazongerwa imbaraga mu mirire myiza y'abana, hanagabanywe impfu z'abana n'ababyeyi bapfa babyara;

2.2.2.3. Hazongerwa umubare w'abaganga, abaforomo, abaganga b'inzobere, n' abayobozi b'ibitaro, hanazamurwa ireme ry' imyigishirize yabo;

2.2.2.4. Hazatezwa imbere umuco wo kwirinda indwara muri rusange, iz'ibyorezo n'izitandura by'umwihariko, hagamijwe kugira abaturage bafite ubuzima bwiza n'ingufu zo gukorera igihugu;

2.2.2.5. Hazashyirwaho ibigo by'ubuvuzi bw'icyitegererezo , birimo n'iby'abikorera, hagamijwe kuvurira mu gihugu
Abanyarwanda n'abanyamahanga;

2.2.2.6. Hazatezwa imbere inganda zikora imiti n'ibikoresho byo kwa muganga, kandi hashyirwe imbaraga mu bushakashatsi bujyanye n'ubuvuzi.

**2.2.3. Hazashyirwaho uburyo bunoze bwo guteza imbere ubuzima buzira umuze, hirindwa indwara, habonezwa urubyaro, hanigishwa ubuzima bw'imyororokere kuri bose, no mu rubyiruko by'umwihariko.**

2.2.3.1. Hazimakazwa umuco w'isuku n'isukura mu

baturage, hubakwe uburyo buhoraho bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa mu nzego zose;



2.2.3.2. Hazashyirwaho uburyo bunoze butuma siporo kuri bose, imikino n'imyidagaduro biba umuco n'umwuga mu Banyarwanda;

2.2.3.3. Hazavugururwa uburyo bukoreshwa mu guteza imbere siporo, imikino n'imyidagaduro mu mashuri;

2.2.3.4. Hazongerwa imbaraga mu kwigisha ubuzima bw'imyororokere, hagamijwe guca inda zitateganyijwe n'indwara zandura mu rubyiruko, Abanyarwanda bakangurirwe gahunda yo kuboneza urubyaro.

**2.2.4. Hazashyirwaho uburyo buhamye bwo kurengera abatishoboye hatezwe imbere imibereho y'abaturage, hagamijwe kurandura ubukene bukabije**

**no kubaka umuco wo kwigira.**

2.2.4.1. Hazanozwa imikorere ya gahunda zifasha abatishoboye, hagamijwe kubatoza imyumvire yo kwigira;

2.2.4.2. Hazanozwa imikoranire ihamye hagati y'inzego za Leta, imiryango itari iya Leta, amadini n'amatorero n'abikorera, hagamijwe

kurandura ubukene bukabije;

2.2.4.3. Hazashyirwaho uburyo bwihariye kandi bushingiye ku muco nyarwanda bwo kwita ku bageze mu zabukuru n'abafite ubumuga batishoboye;

2.2.4.4. Hazashyirwa imbaraga mu buryo bwo gufasha imiryango ikennye kubona amatungo magufi, no muri gahunda ya Girinka, hananozwe imicungire yayo.

**2.2.5. Hazaharanirwa kugira umuryango nyarwanda wishoboye, uha agaciro umugore n'umwana, kandi ukaba ipfundo ry'umuco n'iterambere by'Igihugu.**

2.2.5.1. Hazaharanirwa ko abagore n'urubyiruko bakomeza kugira uruhare rugaragara mu iterambere ry'Igihugu, binyuze mu kubaka ubushobozi, gukorera mu makoperative no gukoresha neza ibigo by'imari n'ikoranabuhanga;

2.2.5.2. Hazashyirwaho ingamba zihoraho zigamije guhashya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa

abana, hashingiwe ku gukumira,



guhana abarikora no gufasha abarikorewe;

2.2.5.3. Hazakomezwa gahunda yo kurerera abana b'imfubyi mu muryango;

2.2.5.4. Hazanozwa gahunda nyinshi zikorerwa ku rwego rw'umudugudu, kugira ngo zitange umusaruro;

2.2.5.5. Hazakumirwa icuruzwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu byiciro byose by'abaturage, himakazwe n'indangagaciro z'umuco nyarwanda;

2.2.5.6. Hazakangurirwa inzego zibishinzwe gushaka no gutunganya ibibuga bya siporo mu tugari n'inzu z'urubyiruko ku murenge, ku bufatanye bw'abaturage, abikorera n' imiryango itari iya Leta, hagamijwe guteza imbere impano ziboneka mu rubyiruko no mu bahanzi by'umwihariko;

2.2.5.7. Hazashyirwaho uburyo buhamye bwo kwigisha Ikinyarwanda n'umuco nyarwanda, ku Banyarwanda bo mu mahanga n'ab'imbere mu Gihugu, hakoreshejwe ikoranabuhanga, n'itorero ku mudugudu.

# TORA KAGAME PAUL

# URUBYIRUKO RUHORANE

# AMAHIRWE

## UMUTWE WA GATATU : IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA

### 3.0. INTANGIRIRO

Umuryango FPR-INKOTANYI ufata Imiyoborere myiza n'Ubutabera nk'ishingiro ry'Igihugu gikomeye kandi gitekanye kandi bikaba ari ingobyi y'iterambere ry'umuturage n'iry'Igihugu muri rusange. Ni yo mpamvu, Umuryan$_g$o FPR-INKOTANYI uhora uharanira kwimakaza imiyoborere myiza n'ubutabera bibereye Abanyarwanda kandi bi$_g$era kuri bose.

Imiyoborere myiza n'ubutabera bizakomeza kwitabwaho mu 2017-2024, binyuze mu gushimangira ibi bikurikira: Ubumwe bw'Abanyarwanda, Umutekano no kurinda Igihugu, Ububanyi n'amahanga n'ubutwererane, ubutabera butsura iterambere, kubaka inzego, imikorere n'imikoranire yazo n'ibyiciro byihariye.

### 3.1. IBYAGEZWEHO MU MIYOBORERE MYIZA

Urwego rw' Imiyoborere myiza n'Ubutabera rwakomeje kwiyubaka hagamijwe kwihutisha iterambere kuri bose.

**Mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda** n'ubukangurambaga ku ndangagaciro zihutisha iterambere:

- Igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda cyarazamutse ndetse kirenga 92% mu 2016 kivuye kuri 82% mu 2010;
- Hashyizweho gahunda ya « *Ndi Umunyarwanda »* n'iy'Abarinzi b'Igihango, zafashije Abanyarwanda mu gushimangira ubumwe n'ubwiyunge.

**Inzego z'umutekano** zose zongerewe ubushobozi, bituma zirushaho gukora neza no kugeza ku Banyarwanda umutekano usesuye:

- Mu ruhando mpuzamahanga, u Rwanda ubu ruri ku mwanya wa mbere muri Afurika, rukaba urwa 5 ku Isi, mu kugira umutekano usesuye, haba ku manywa cyangwa n'ijoro;
- Igipimo cy'uko Abanyarwanda bishimiye

umutekano wabo n'ibyabo cyariyongereye; ubu kiri kuri 92%. Icyizere Abanyarwanda bafitiye inzego z'umutekano na cyo cyarazamutse : **99%** ku ngabo z'Igihugu na



**97.6%** kuri Polisi y'Igihugu**.**

**Mu bubanyi n'amahanga n'ubutwererane:**

- Umubare w'Ambasadi z' u Rwanda mu mahanga wikubye hafi kabiri; ziganjemo cyane cyane izo muri Afurika; Umubare wose w'Ambasade ni 34 na Biro z'abahagarariye inyungu z'u Rwanda mu mahanga (consulates) ni 37 ;

- U Rwanda ruri ku mwanya wa gatanu ku Isi mu bihugu byohereza ingabo zabyo mu kubungabunga amahoro ku isi;

- RwandAir yaguye amarembo y' u Rwanda mu

mahanga, ubu ikaba igera mu migi 21 yo ku Isi;

- Abanyarwanda baba mu mahanga barushijeho kwiyumva mu Gihugu cyabo, binyujijwe muri gahunda zitandukanye, nka « Rwanda Day » na “Come and see”.

**Mu butabera:**

- Hongerewe imbaraga muri gahunda zo kwegereza abaturage ubutabera (Abunzi, Inteko z’abaturage, MAJ), bituma abaturage

bishimira serivisi z'ubutabera biyongera, ubu akaba ari 76.7%;

- Havugururwe amategeko menshi agamije kwihutisha iterambere n'imibereho myiza y'Abanyarwanda, harimo Itegeko rigenga Abantu n'Umuryango, Itegeko rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari, Itegeko rigenga Ubutaka mu Rwanda, n'andi;

- Hatangijwe uburyo bushya bw'ikoranabuhanga bwo kwihutisha ubutabera ndetse u Rwanda rubihererwa igihembo ku rwego rw' Afurika;

- Ibirarane by'imanza mu nkiko byagabanutseho 70% kuva mu 2011/12 kugeza mu 2015/16.

**Mu mikorere n'imikoranire:**

- U Rwanda ubu ni Igihugu cya mbere ku Isi cyakoze impinduka zirwanya ruswa. Ubu abaturage 87.9% bemeza ko batigeze bahura na ruswa mugihe cy'umwaka wose ;

- Gahunda yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage yongerewe imbaraga, Ingengo y'imari izigenerwa yikubye inshuro zirenga 3, bituma abaturage barushaho

kwihuta mu iterambere;

- U Rwanda ruri mu bihugu biza ku isonga mu miyoborere izamura imibereho myiza y'abaturage; u Rwanda ni urwa kabiri muri Afurika mu kugira amategeko yorohereza ishoramari, rukaba urwa karindwi ku isi mu kugira Leta ikora neza;

- Havuguruwe amategeko yorohereza Imiryango itari iya Leta, ishamikiye ku myemerere n'itangazamakuru mu mikorere yayo, ndetse hashyirwaho n'ikigega kibafasha kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu;

- Gahunda zo kwishakamo ibisubizo zariyongereye, zizamura imibereho myiza y'abaturage.

## 3.2. IBIZAKORWA MU MIYOBORERE MYIZA N'UBUTABER


Kubaka uburezi bufite ireme, bugera kuri bose, kandi buteza
Kugira Umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi,
Gutanga serivisi z'ubuzima zifite ireme kuri bose, kandi
Kugira umuryango nyarwanda wishoboye, uha agaciro umugore
Gushyiraho uburyo bunoze bwo guteza imbere ubuzima buzira umuze, hirindwa indwara, habonezwa urubyaro, hanigishwa
Gusyiraho uburyo buhamye bwo kurengera abatishoboye no guteza imbere imibereho y'abaturage

**Umuryango FPR-INKOTANYI ugamije gushimangira imiyoborere myiza n'Ubutabera byubaka umusingi w'iterambere ry'Igihugu ryihuse kuri bose**.

Ku bw'izo mpamvu hashyirwa imbaraga mu bikorwa bikurikira :

### 3.2.1. UBUMWE BW'ABANYARWANDA

Hazashimangirwa ubumwe bw'Abanyarwanda, baharanira kugira Igihugu gikomeye kandi gitekanye:

3.2.1.1. Hazashyirwa imbaraga mu gutoza no kwigisha mu mashuri no mu miryango, indangagaciro n'umuco w'ubunyangamugayo (*integrity*), ubwizerane, kwanga akarengane no kuzirana na ruswa mu Banyarwanda, cyane cyane abakiri bato;

3.2.1.2. Hazakomeza kwimakazwa ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda, hashyirwa imbaraga muri gahunda ya « Ndi Umunyarwanda », Abarinzi b'Igihango no komora ibikomere byasizwe na Jenoside yakorewe

Abatutsi;

3.2.1.3. Hazongerwa imbaraga muri gahunda zo

kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu Banyarwanda n'ahandi hose igaragara;

3.2.1.4. Hazongerwa imbaraga mu guteza imbere uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, Abanyarwanda bahabwe amahirwe angana, hanatezwa imbere umuco wo kuzamura abafite intege nke ;

3.2.1.5. Hazubakwa Ikigo cy'Itorero ry'Igihugu cy'icyitegerererezo ku rwego rw'Igihugu, hanubakwe ikindi kigo-nyunganizi muri buri Ntara, kugira ngo bifashe kuzamura imyumvire itsura iterambere no kwigira.

### 3.2.2. UMUTEKANO NO KURINDA IGIHUGU

Hazaharanirwa kugira inzego z'umutekano zifite ubushobozi bwo gukomeza guha Abanyarwanda umutekano usesuye, kurinda Igihugu no kugira uruhare mu iterambere ryacyo.

3.2.2.1. Hazongerwa imbaraga mu kubaka ubushobozi bw'inzego z'umutekano zose (inzego za Gisirikare, iza

Polisi n'iza NISS), harimo no kuzishakira ubushobozi bwihariye, butuma zishobora kuzuza neza inshingano zazo;



3.2.2.2. Hazongerwa imbaraga mu mutekano w'abantu n'ibintu ushingiye ku baturage mu midugudu, ku bufatanye n'inzego z'umutekano;

3.2.2.3. Hazaharanirwa ko ingabo z'Igihugu n'izindi nzego z'umutekano zongera uruhare rwazo mu bikorwa by'iterambere, cyane cyane iterambere ry'imigi yunganira Kigali, iry'inganda, indi mishinga minini irebana n'ubuhinzi n'ubworozi bigezweho;

3.2.2.4. Hazongerwa imbaraga mu kunoza no kwagura ubufatanye n'izindi nzego z'umutekano zo mu bindi bihugu, hibandwa mu gukumira no kurwanya ibyaha nyambukanyamipaka, kurwanya icuruzwa ry'abantu, ibyaha by'ikoranabuhanga

binyunyuza ubukungu n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge;

3.2.2.5. Hazongerwa imbaraga mu kubaka mu nzego z'umutekano zose umuco n'indangagaciro z'ubudasumbwa mu gukunda Igihugu, mu kugikorera, kugihesha agaciro no gushyira imbere umuturage.





### 3.2.3. UBUBANYI N'AMAHANGA N'UBUTWERERANE

Hazashyirwa imbaraga muri dipolomasi itsura iterambere ry'u Rwanda n'iry' Afurika :

3.2.3.1. Hazashimangirwa ububanyi n'amahanga n'ubutwererane buteza imbere ishoramari, ubukerarugendo no kwagura isoko ry'ibikorerwa mu Rwanda;

3.2.3.2. Hazongerwa imbaraga mu gushishikariza

Abanyarwanda batuye mu mahanga ubumwe n'ubwiyunge, kwitabira ibikorwa biteza imbere u Rwanda, gukomeza kurushakira inshuti, no kwagura serivisi bahabwa.

3.2.3.3. Hazashyirwaho uburyo bwo kumenyekanisha umwimerere Nyarwanda mu kwishakamo ibisubizo, kugira ngo byifashishwe n'ibindi bihugu by'Afurika mu kwikemurira ibibazo;

3.2.3.4. Hazaharanirwa ubumwe bw'Abanyafurika n'iterambere ryabo rishingiye ku bufatanye, ubuhahirane biganisha ku kwigira no kugira ijambo kw'Afurika mu ruhando rw'amahanga;

3.2.3.5. Hazongerwa imbaraga mu gutanga umusanzu mu guharanira amahoro n'iterambere muri

Afurika no ku Isi, kandi haharanirwe ko abasirikare n'abapolisi b'u Rwanda bari mu butumwa bwo kurinda amahoro, bakomeza kuba indashyikirwa mu bikorwa by'ubutabazi no kugarura amahoro aho bari;

### 3.2.4. UBUTABERA

Hazashyirwaho amategeko afasha kwihutisha iterambere, yubahirizwe, kugira ngo habeho inzego zikora neza, kandi zigirirwe icyizere kurushaho:

3.2.4.1. Hazashyirwaho, hanavugururwe amategeko ateza imbere imibanire myiza mu miryango y'Abanyarwanda, ashingiye ku muco nyarwanda kandi ajyanye n'igihe;

3.2.4.2. Hazashyirwa imbaraga mu guca akarengane no gukemura ibibazo by'abaturage, no kurangiza vuba imanza zaciriwe mu nkiko;

3.2.4.3. Hazashyigikirwa umuco wo gukemurira ibibazo mu muryango, hashimangirwe ingamba zo gucyemura

amakimbirane, bitanyuze mu nkiko, hifashishijwe inteko z'abaturage, Abunzi na serivisi z'ubujyanama mu by'amategeko (MAJ);

3.2.4.4. Hazongerwa imbaraga mu gukumira no guhana ibyaha bya ruswa no kunyereza umutungo w'Igihugu ku buryo bwihanukiriye, kandi ibyo byaha ntibigire ubusaze.

### 3.2.5. KUBAKA INZEGO

Hazongerwa imbaraga mu kubaka inzego zikorana neza, kandi zishishikajwe no kwihutisha iterambere ry'umuturage:

3.2.5.1. Hazongerwa imbaraga mu kubaka ubushobozi bw'inzego za Leta no kuziremamo umuco wo gushyashyanira abaturage n'abazigana, hagamijwe gutanga serivisi zinoze kandi zihuse;

3.2.5.2. Hazongerwa imbaraga mu kubaka uburyo bw'ikoranabuhanga butuma hatangwa serivisi mu buryo bwihuse kandi bworohereza abaturage kugira uruhare muri politiki z'Igihugu;

3.2.5.3. Hazashyirwa imbaraga mu kunoza imishinga mbere y'uko ishyirwa mu bikorwa, hashyirweho uburyo buhoraho bw'Ikurikiranabikorwa n'ubw'isuzumabikorwa;

3.2.5.4. Hazongererwa ubushobozi n'ububasha inzego zishinzwe gukurikirana no gucunga umutungo wa Leta,

gusuzuma ibikorwa no kunoza imikorere y'inzego, kugira ngo zifashe

mu kwihutisha iterambere.

### 3.2.6. IMIKORERE N'IMIKORANIRE Y'INZEGO ZA LETA N'IBYICIRO BYIHARIYE

Hazimakazwa umuco w'ubufatanye mu Banyarwanda, hashyirwa imbere imikoranire myiza n'ibyiciro byihariye, kugira ngo habeho iterambere ry'Igihugu no ku kwigira k'umuturage.

3.2.6.1. Hazashishikarizwa abagore n'urubyiruko gukomeza kugira uruhare mu iterambere n'imiyoborere by'Igihugu, baharanira kwihangira imirimo no gufasha abandi Banyarwanda;

3.2.6.2. Hazanozwa imikoranire, hatezwe imbere ubufatanye hagati ya Leta, Abikorera, Itangazamakuru, Imiryango itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere, hagamijwe kwihutisha iterambere ry'Igihugu n'imibereho myiza y'abaturage;

3.2.6.3. Hazongerwa imbaraga mu guteza imbere umuco wo guharanira kwigira mu Banyarwanda, gukorera

hamwe, no kwishakamo ibisubizo by'ibibazo byabo;

3.2.6.4. Hazaharanirwa ko amakoperative agira

imiyoborere n'imikorere myiza, bizira ubuhemu kugira ngo azamure abaturage bayajyamo;

3.2.6.5. Hazongerwa imbaraga mu guteza imbere ubushakashatsi butanga ibisubizo ku bibazo by'imibereho y'abaturage n'ubukungu bw'Igihugu kandi bigahinduka umuco;

3.2.6.6. Hazavugururwa gahunda y'Urugerero mu Itorero ry'Igihugu, hagamijwe kubaka urubyiruko rw'Abanyarwanda rufite inyota yo kwigira, gukunda umurimo, kwigirira icyizere, kandi rushishikajwe no gutanga umusanzu mu gukemura ibibazo by'Igihugu.

# TWUBAKE U RWANDA TWIFUZA

**UMWANZURO**

Muri iyi myaka irindwi ishize, u Rwanda rwageze ku bikorwa byinshi bishimishije mu byiciro bine byubakiyeho gahunda za Leta, ari byo: Ubukungu, Imibereho myiza y'abaturage, Imiyoborere myiza n'Ubutabera. Ibi byose byagezweho bishingiye ku migabo n'imigambi by'Umuryango FPR-INKOTANYI, utigeze utezukaho, kandi wakomeje kuba ku isonga mu guharanira ko ibyo bikorwa bigerwaho.

Ni yo mpamvu, muri iyi myaka irindwi iri imbere, Umuryango FPR-INKOTANYI uzakomeza kubakira ku migabo n'imigambi yawo, kugira ngo ugeze ku Banyarwanda Iterambere ryihuse kandi rirambye. Hazibandwa kandi kugira Umunyarwanda ushoboye kandi ufite icyizere cyo kubaho, kandi urangwa n'umuco wo kwihesha agaciro, kwigira no gusigasira ibyagezweho.

**Tugire Igihugu gitekanye, gikungahaye, cy'Abaturage babayeho neza !!!**

# TORA KAGAME PAUL

# DUTUNGE
# DUTUJE

# NIMUTORE KAGAM E PAUL

# DUTUNGE DUTUJE